

CHUB

Pain Clinic

Sobanukirwa neza indwara yo kubabara umugongo

Niba wararembejwe no kubabara umugongo, kwa muganga twagufasha kandi ukamererwa neza, ubuzima bugakomeza.

Tumenye uko turwaye

Umubare munini w'abantu ku isi bataka umugongo cyane cyane abakuze ariko noneho no mu bakiri bato iyi ndwara imaze kwiyongera cyane. Ni byiza kumenya neza impamvu uribwa umugongo bityo bikagufasha kumenya uko wavurwa kuko uburyo bwo kwivura ni bwinshi kandi umurwayi abigiramo uruhare rukomeye cyane.

Waba se waravunitse, wituye hasi se? Warabazwe se? Watewe ikinya cyo mu mugongo se? Waba ukuze se? Wakoze imirimo ivunanye imyaka myinshi se? Warakubiswe se? Wafashwe ute? Byarizanye se? Ntabwo uzi impamvu se? Ibi byose birashoboka turakugira inama yo kubonana na Muganga mukarebera hamwe ikibazo cyawe mbere yo kugifatira umwanzuro.

Waba utakibasha kugenda se? Uribwa uryamye se? Wicaye se? Uagenda se? Cyangwa buri gihe? Bimanuka mu maguru no mu matako se? Ese ntibigutera ikibazo mu kwihagarika? Ese uracyabasha ubuzima bw'abashakanye mu gitanda? Ese ntujya wiheba kubera kubabara? Ese ntujya ushaka kwiyahura ngo wipfire kubera kubabara?

Waba warabonye ubufasha se? Kwa Muganga? Mu buvuzi bwa gihanga? Imiti? Ubundi buryo butari imiti?

Wahamagara kuri numero zikurikira ugahabwa ubusobanuro bw'uko wagera kuri Muganga wagufasha ku burwayi bwawe bwakurembeje.

ibitaro bikuru bya
Kaminuza bya Butare
CHUB, byatangije
Service yo **KUVURA**
UBUBABARE burambye
Chronic Pain cg
Douleur Chronique.

Urasabwa ibikurikira:

- Ubwishingizi
- Guhamagara ukaza kuri randevu (rendez-vous) wahawe
- Kuhagerera isaha wahawe
- Kuhagera uvuga aho uje kwivuzza bikakurinda gutegereza ku murongo
- Kuza witwaje amafaranga

2000 rwf niba ufite mutual isanzwe
Cg 5000 rwf
Ku bafite ubundibwishingizi adasubizwa.

AS: 0786526301 AU: 0783055606 EB: 0788653856